# 160: Mbeg' urukundo rwaw’umfitiye

1. Mbeg' urukundo rwaw’umfitiye ! Sinarumenya: rurahebuje.Mukiza wanjy' umpishurire, Rumpumurize no kunyobora,Ni nteshuka.

2. Urwo rukundo narugera nte? Ruransumba ; sinarurondora. Njyendwerekana gus’umfashije, Njye mvug' uko rukiz’abangizi B'abihebe.

3. Urwo rukundo naruvuga nte, Ko ntabon’amagamb' akwiriye ? Nyamar' akanwa kanjye kifuza Guhora nshimish’Umurokozi Unkund’atyo.

4. Urwo rukundo narushimira nte IMukiza wanjye, ne guceceka Ndirimb' imbabazi wangiriye, jy' umunyabyaha wakugomeye, Ukankiza !

5. Nta cyo nabasha kugushimisha; Mukiza wanjye, nd’umukene pe. Niringiy’urukund’umfitiye:Mbes' Uwankunz' akanyitangira,yanyim'iki?

6. Ndashaka, Yesu, kukugumaho, Ur' isoko y'amaz' ahoraho,Njye mpore nkunywah' ubudasiba, Umar' inyota n'umubabaro, Sinkuveho!

7. Mukiz' ubwo nzagera mw I juru, Amaso yanjy’akakwirebera, Ni h’ urukundo rwawe nzabona Uko ndumeny’ uko ndusingiza

Visit us at burundi.indirimbo.com